**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

---

# ITANGAZO

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye amatora yo gusimbuza Abajyanama b'Uturere batakari mu myanya, mu buryo bukurikira:

**Abajyanama rusange**: Nyamasheke, Karongi, Rutsiro, Rubavu, Musanze, Burera, Gakenke na Rwamagana.

**Abajyanama b'abagore bangana na 30% by'abagize Inama Njyanama y'Akarere**: Rutsiro na Rulindo.

**Kwakira kandidatire ni guhera tariki ya 30/10/2023 kugeza 12/11/2023.**

Utanga Kandidatire agomba kuba ari Umunyarwanda wujuje nibura imyaka 21 y'amavuko udafite imiziro iteganywa n'Itegeko Ngenga rigenga amatora.

Ibaruwa itanga Kandidatire yandikirwa Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, igomba kugaragaza ibi bikurikira:

- Amazina y'Umukandida,
- Igihe n'aho yavukiye,
- Umurimo akora n'aho aba,
- Umwanya yiyamamariza n'akarere yiyamamarizamo.

**Izindi nyandiko zisabwa utanga Kandidatire**

- Umwirondoro (CV);
- fotokopi y'ikarita ndangamuntu cyangwa iy'ikindi cyemezo kigaragaza ko ari Umunyarwanda gitangwa n'inzego zibifitiye ububasha;
- fotokopi y'impamyabumenyi cyangwa iy'impamyabushobozi iriho umukono wa Noteri;
- amafoto abiri magufi y'amabara;
- icyemezo kigaragaza ko umuntu atafunzwe cyangwa yafunzwe n'icyo yafungiwe, kitarengeje amezi atandatu gitangwa n'urwego rw'Igihugu rubifitiye ububasha;
- inyandiko ye yashyizeho umukono cyangwa igikumwe yemeza ko inyandiko yasabwe kandi yatanze ari ukuri.

**Icyitonderwa**: Kandidatire zizatangwa hifashishijwe ikoranabuhanga kuri emal: *kandidatire2023@nec.gov.rw* cyangwa igatangwa mu nyandiko ku biro bya Komisiyo mu Karere amatora azaberamo.

Bikorewe i Kigali ku wa 27/10/2023

for

Charles MUNYANEZA
Executive Secretary,
National Electoral Commission

**GASINZIGWA Oda**

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora

---